	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR139I148v2
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009
TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : IBIRAYI		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI/MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2008-2009

Umubare w'amapagi	3

IBIRAYI

1. Aho bikunda : Ibirayi bikunda cyane mu turere tw'amakoro no mu misozi miremire.

2.Ubutaka : bihingwa mu butaka bwiza, bukiri bushya kandi butuma umwuka ubutemberamo.

3. Amoko yamamazwa : Sangema*, Cruza, Mabondo, Victoria, Kirundo, Mizero na Gikungu.*

4. Uko bategura umurima

o Habanza kurwanya isuri, kurima bwa mbere bavanamo urwiri iyo ruri mu murima, nyuma bagatabira bagiye gutera imbuto.

5. Gufumbira :

a) Bashyiramo toni 20 z'ifumbire y'imborera iboze neza mu gihe cy'itabira, bongeramo kg 300 za NPK 17.17.17 kuri Ha mu myobo mu gihe cy'itera.

b) Mu butaka busharira babanza gushyiramo hagati ya Toni 2,5 na Toni 5 z'ishwagara ikamaramo ibihe by'ihinga bine.

6. Igerambuto :

* kuri Ha 1 hakoreshwa imbuto zingana na Toni 2 cyangwa 2,5
* Batera kuri cm 80 hagati y'imirongo na cm 30 ku murongo.
* Bashyira ikirayi 1 mu kobo, muri cm 8-10 z'ibujyakuzimu.
* Batera hagati muri Nzeri cyangwa muri Mata.

7. Kubikenura

* Kubibagara nyuma y'iminsi 15 bimaze kumera, gusukira nyuma yo kubagara no kurwanya indwara n'ibyonnyi ukoresheje amoko no kurwanya indwara n'ibyonnyi ukoresheje amoko yihanganira indwara utereye igihe cyangwa ukoresheje imiti ya Dithani M 45 ;
* Milraz 76 WP cyangwa Cupro-Antracol 54,5 WP n'indi, ….

8. Kurwanya indwara n'ibyonnyi by'ingenzi

a) **Imungu y'ibirayi**: iterwa n'agakoko bita Phthoromea operculella ko mu bwoko bw'ikinyugunyugu. Utunyabwoya twabyo (dusa n'utunyo) ducukura imyobo

b) Utwo dukoko twangiza cyane cyane ibirayi (tubers)

* Bigaragazwa n'imyobo yacukuwe mu kirayi n'amabyi yatwo asa n'umukara. Ubwone bushobora guturuka mu mirima bugakomeza aho ibirayi bihunitse

Uburyo bwo kuyirwanya: Gutera ibirayi mu bujyakuzimu burebure (cm 20), gushyiraho itaka mu gihe bitangiye kwera (tuberisation). Umuhinzi agomba kwirinda gufata imbuto igihingwa cyafashwe kandi akarinda ibirayi bye akoresheje umuti wa Deltamethrine cyangwa Cypemethrine.

b) Imvura iterwa agahumyo bita *Phtophtora infestans*

* Ifata amababi, imigozi y'ibirayi. Indwara ikururwa n'imvura nyinshi;
* Igihingwa cyafashwe kizana urubobi ku mababi no ku migozi. Iyo byakabije ugira ngo umurima wababutse

Kuyirwanya: gutera imbuto nziza idafatwa, gutera ibirayi imvura ijya gucika, gutera imbuto itarwaye, kurandura ibyimeza kuko bikurura iyo ndwara, kunyomora ibirayi mu byumweru 3 mbere yo gusarura kandi bigasarurwa byeze neza.
Ibyafashwe bigomba gukurwa mu bindi, guterwa umuti wa Mancozebe ku rugero rwa gr 50 muri litiro 20 nibura inshuro 1 mu cyumweru cyangwa buri minsi ine.
Umuhinzi ashobora gukoresha kandi umuti wa Ridomili (gr 50 muri litiro 20 z'amazi ku nshuro imwe cyangwa 2 mu kwezi ibirayi bikiri bitoya nyuma agakoresha Mancozeb.

c) Indwara ya Kirabiranya:

* Iterwa na bagiteri bita *Pseudomonas solacearum* ituruka mu butaka no ku mbuto mbi.
* Ifata ku mababi no ku birayi
* Igaragazwa no kurabirana kw'imigozi nyuma ikuma, amababi ahinduka icyatsi kibisi cyeruruka, mu maso y'ibirayi haturukamo igitembabuzi cy'umweru. Iyo ugitemye usanga imbere hari uruziga rw'uruhogo.

Kuyirwanya: ugukoresha imbuto nziza zitarwaye cyangwa zitarafatwa n'iyi ndwara, ubundi ukaba watera umuti wica udusimba (aphis) dukwirakwiza iyo ndwara. Ni ngombwa kurandura ibirayi byagaragaje indwara no kurandura ibyimeza.

9. Igihe byerera : Iminsi 90 kugeza ku minsi 140 bitewe n'ubwoko.

10. Gusarura no guhunika

- Basarura ibirayi byeze neza hakaba haboneka kuri Ha 1 toni 9 kugera kuri 40;
- Bahunika ibirayi ahantu hafutse, humutse kandi hatagera umucyo (urumuri) ku birayi byo kurya, n'ahantu hagera umucyo ku birayi by'imbuto
- Mbere yo guhunika, ni ngombwa kubanza kuvanamo ibirayi bikomeretse n'ibirwaye.